**A Imana na Mose:**

- **Guhura n'Imana (Kuva 33:7–11)**
  - Mose yahuriraga n'Imana mu ihema ry'ibonaniro, aho bavuganiraga amaso ku maso (Kuva 33:7–11).
  - Ubusobanuro: imvugo "amaso ku maso" ntabwo yashakaga kuvuga ko barebanaga mu bigaragara, ahubwo ko bagiranaga ibiganiro bitaziguye (nubwo Mose atigeze abona mu maso h'Imana).
  - Umubano hagati y'Imana na Mose wagiye wiyongera buhoro buhoro.
  - Mose yabaye umugaragu w'indahemuka w'Imana (Abaheburayo 3:5), itara ritazima mu mwijima, ndetse akaba umuhanuzi w'intangarugero.
- **Kumenya Imana biruseho (Kuva 33:12–17)**
  - **Igihe Imana yabwiraga Mose ko itazajyana n'abantu i Kanani (Kuva 33:1–3), hakurikiyeho ikiganiro gitangaje (Kuva 33:12–17**):
    (1) Imana: Uri inshuti yanjye kandi wangiriyeho umugisha
    (2) Mose: Niba ari byo rwose, nyereka imigambi yawe, *kugira ngo nkumenye*
    (3) Imana: Ubwanjye nzajyana nawe, nkuruhure
    (4) Mose: Ubwawe nutajyana natwe ntudukure ino
    (5) Mose: Utajyanye natwe, ni gute hagira umenya ko nakugiriyeho umugisha?
    (6) Imana: N'icyo uvuze icyo ndagikora, kuko wangiriyeho umugisha nkakumenya izina.
  - Mose yari amaze iminsi 40 ari hamwe n'Imana, yakīra Amategeko Cumi n'amabwiriza yo kubaka Ubuturo Bwera. Nuko yongera kuza imbere y'Imana, asabira abantu imbabazi. Yasaga naho azi Imana neza, kuko yavuganaga na Yo nk'abamenyeranye. Ni mu buhe buryo rero yari akeneye kuyimenya (Kuva 33:13)? Ni mu buhe buryo na we ukeneye kuyimenya?

**B Ubwiza bw'Imana:**

- **Icyifuzo cyo kumenya ubwiza bw'Imana (Kuva 33:18–23)**
  - Mose yarasabye ati: Nyereka ubwiza bwawe (Kuva 33:18) + Imana irasubiza ngo: nzakwereka kugira neza kwanjye (Kuva 33:19) + Icyo Imana yamweretse ni imico yayo (Kuva 34:6–7) => Ubwiza bw'Imana ni ukugira neza kwayo, ni ukuvuga: imico yayo.
  - Bityo, "ubwiza" bwacu ni ukugaragaza imico y'Imana mu mibereho yacu (2 Abakorinto 1:12; 3:18).
  - Iyo dutumbiriye umusaraba, tubona ihishurwa rikomeye ry'ubwiza bw'Imana, kugira neza kwayo, imico yayo.
- **Iyerekwa ry'ubwiza bw'Imana (Kuva 34:1–28)**
  - Imana yeretse Mose ubwiza bwayo ubwo yazamukaga Sinayi ku nshuro ya karindwi.
  - Iyerekwa ry'ubwiza bw'Imana ryagaragaje ko ari ukwigaragaza kw'imico y'Imana (Kuva 34:6–7). Mose akirabukwa uru Rukundo rw'Imana, yahise aramya (Kuva 34:8; 1 Yohana 4:19).
  - Nuko, Imana yongera gushimangira isezerano ryayo na Isirayeli kandi ibababarira ibyabaye baramya inyana y'izahabu.
- **Ibyakurikiye kubona ubwiza bw'Imana (Kuva 34:29–35)**
  - Mose yari yaragiye avugana n'Imana "amaso ku maso" inshuro nyinshi, kandi kugeza icyo gihe, mu maso he ntihari harigeze harabagirana. Ubu noneho ni iki cyari cyahindutse? Menya kandi ko iyo mpinduka yagumyeho by'igihe kirekire (Kuva 34:34–35).
  - Ubu noneho Mose yari amenye Imana neza. Ubucuti bwabo bwari bumaze gukura. Yari yaritegereje ubwiza bw'Imana, maze ahindurwa nabwo.
  - Ubwo Pawulo yasubiragamo iyi nkuru, yaduhamagariye kwīgāna Mose, tukitegereza ubwiza bw'Imana tugahinduka nk'uko Mose yagenje (2 Abakorinto 3:12–18).
  - Mose ni icyitegererezo cyerekana icyo Imana ishobora kudukorera iyo tuyemereye guhindura imico yacu no kuduhindurira kuba ishusho yayo.